# 20121030-001 Uwimana, Malachie

Nom et Prénom: Uwimana Malachie
Père: Kabungo Jasson
Mére: Nyirazutambara Péline
Age: 20ans
Cellule: Kanyinya
Commune: Masango
Secteur: Rwoga
Prefect: Gitarama
…………………………………………………………………………………………………

**Itsembabwoko**

Itsembabwoko ubundi ryazanywe n'abazungu baje mu Rwanda, bigisha kandi bashaka rubanda rumwe, kugirango babaone uko bamarana, bityo nabo baone uko bagurisha ibikoresho byabo, mbese kugirango babibonere isoko.

Itsembabwoko ryatangiye kera, abanyarwanda bamwe bamaze kurishara n'abazungu kandi bamaze no gutozwa uburyo bwo kwica uwo batari bahuje isura, ibitekerezo ndetse n'ubukungu, kandi bashaka kugira ngo igihugu gihore mu muryango bityo barukabankaba y'amaraso ngo babone amaronko.

Abazungu batangiye kubigisha irangamuntu batangira kubasabanurira neza ko hari abaturutse muri Ethiopia baje bakwirikiye inzuri z'inka zabo aribo batutsi kandi ko aribo bagomba kwicwa.

Hakaba n'abandi baturutse muri Ahande na Centrafrique bityo bakabusobanurira neza ko abatutsi ari abanzi babo kuko ngo babakoreshaga harimo y'uburetwa. Bityo icyo gice cy'abanyarawanda kigishijwe ubujiji bwo kurimbagura bagenzi

…………………………………………………………………………………………………

babo nabo bakazajijuka babyigisha abana babo. Bimazeo bacangera bagishyira mu bikorwa babifashijwemo n'abarimu babo aribo bazungu.

Batangiye kwica bagenzi babo muri 48 bakakomeza baratsemba izo nzirakarengane, none bishuka yuko bushye ikivi muri Mata 1994, ntibakamenye ko ntabapfira gushira.

Ubwo nibwo umutwe wari warishyize kamwe, utavangura amoko wahagurukaga ukarwanya izo nkoreshyano. Bamwe muri izo nkoreshyano barahagurutse, bajya mu bihugu bidukikije, bakaneza tutsemba icyutwa Umututsi ayose , kuko bari bamaze kutsindwa kandi ngo nta wutsinda mukumena amaraso y'abntu baremwe n'imana.

**Uko Byangendekeye mu itsembabwoko**

Itsembabwoko ryageze muri commune Masango rizanywa na MPANO Esdras wari bourgumestre hamwe n'muhunguwe Gearge bafatanije n'izindi ziyitaga Impunguke nkabo, dore ko arizo zari injiji za mbere muri commune ya Msango, kuko nta Mpunguke zarikwisha bagenzi babo,

…………………………………………………………………………………………………

bagisha rubanda gutemagura no kwica urubozo bene wabo.

Ubwo ku wa 20/04/94 nibwo batangiraga gusenya, kumenesha no gusahura muri za secteur zegeranye na Gikongoro ndetse na Kibuye.

Muri secteur ya Rwoga bahageze kuwa 22 Mata, bayobowe na Conseille bitabara hamwe n'abari mu kazu kabo.

Byagejeje nu mugoroba niyo tariki baba batangiye kugota, Imana ikinga ikibaba naze tubaca mu nzara.

Ubwo batangira gusahura ndetese no gutwika amazu dore ko nabyo bari barabitijwe.

Ubwo njyewe nahungariye na maman noneho tuza guhura n'umubyeyi wari ufite agahinja kandi amerewe nabi cyane, noneho amutwaza uwo mwana nawe aramusindagiza ngo arebe ko yamubonera icyo arya noneho igitero kiba kiraje kiramutwara hamwe n'uwo mubyeyi

…………………………………………………………………………………………………

barabajyanye, babambura umyenda yose bari bambaye, babashikiriza igitero cyari giturutse I Masango. Uwo mugore ari ufite umwana we baza kumureka noneho maman bahita bamubohera nyuma baramujyana bajya kumwica.

Ubwo papa we yari yarahunze mbere yari yrahunze ukwe kuko bamushakaga cyane ngo bamwice kuko ngo yari afite umwana mu nkotanyi agira amahirwe, umwe mu bataranigaga rumwe nabo bicyanyi arababwira ati yagiye mu Burundi noneho bagabanya ururego wok u mushaka ariko ubundi nu byukuri yahungiye muri commune ya Murama kugeza ubwo yagiye mu nkotanyi mu Ruhango ayobowe inzira n'umwari umudepite muri PL Pawa  Gadi Gatorano wari utuye i Gitwe, dore ko yari atunze abantu benshi uwe yabashije kandi nabo kubarokora kuko bamwe n'ubu bakiriho.

Abantu bo mu muryango wacu baba baranijwe na genoside:

(a) Umuryango wa maman

…………………………………………………………………………………………………

(1) Maman
(2) Musaza wa maman n'abana be 3
(3) Se wabo n'abana be bose hamwe n'umugore we
(4) Barumuna be 2 hamwe n'umiryango yabo

(b) Abomuryango wa papa
(1) Murumuna we umwe hamwe witwaga MUDENGE hamwe n'abana be babiri we bamwishe agiye kureba ako yari yarasize umugorewe, nonho yagwa nabo yari yarizeye. Yishwe na umuhungu wa SEMUSHI Straton wari utuye muri cellule ya Sunzu. Bamwishe bamutemaguye n'umuhoro.
(2) Maman we (KAMBIBI Deline yajyanywe n'igitero kimuta muruzi.
(3) Se wabo hamwe n'umugore we bishwe n'interahamwe babatsinda I Gatovu niwitwaga Pasteur BITARI Zacharie hamwe n'umugorewe Débula ndetse n'umwana wabo wari urangije université i Butare bamutsinda I Butare kuko niho yakoraga icyo gihe. Yitwaga Uzziel ndtse na mushiki we Suzana.

Twangije tubasaba kugira urukonde n'ishyaka ndetse n'ubutwari mu kazi kanyu ka buri munsi kandi tubasaba kutubera urugero rwiza kuko aribyo bizubaka igihugu

……………………………………………………………………………………………………

kuko nitwe Rwanda twejo kandi mwirinda icyateza impagarara mu gihugu ndtse no mu rubyiruko, murinda kugira inda nini kandi mufasha abacitse ku icumu bose, kugirango imitima yabo ibashwe gusanwa.